**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**INTARA Y'AMAJYEPFO**
**AKARERE KA HUYE**

**<u>ITANGAZO KU BIFUZA KWINJIRA MU KAZI KA DASSO</u>**

Ubuyobozi bw'Akarere ka Huye buramenyesha abantu bose babyifuza kandi bujuje ibisabwa ko Akarere gashaka guha akazi abantu makumyabiri (**20**) ku myanya y'abagize Urwego rushinzwe kunganira Ubuyobozi bw'Akarere mu gucunga Umutekano (DASSO).Usaba akazi agomba kuba yujuje ibi bikurikira:

- ✓ Kuba ari Umunyarwanda;
- ✓ Kuba afite ubuzima buzira umuze bikemezwa na muganga wemewe na Leta;
- ✓ Kuba atarakatiwe n'inkiko;
- ✓ Kuba atarigeze yirukanwa mu mirimo ya Leta kereka niba warakuweho ubusembwa;
- ✓ Kuba ari indakemwa mu mico no mu myifatire;
- ✓ Kuba afite ubushake bwo gukora akazi;
- ✓ Kuba afite imyaka y'amavuko itari munsi ya 18 kandi atarengeje imyaka 35;
- ✓ Ku basanzwe bafite ubumenyi mu kazi k'umutekano;bagomba kuba nibura bafite amashuri atatu yisumbuye bakazazana ikibyemeza ndetse n'icyemezo ko bafite ubwo burambe;
- ✓ Gutsinda ibizamini bizatangwa;
- ✓ Kuba yiteguye gukora amahugurwa mu gihe cy'amezi atatu(3) mbere yo gutangira akazi.

**Abiyandikisha basabwa kwitwaza ibi bikurira:**

a.Indangamuntu;

b.Icyemezo cyerekana ko warangije nibura amashuri atandatu .. yisumbuye ;

c.Icyemezo cy'ubudakemwa mu mico no mu myifatire gitangwa n'Umuyobozi w'Umurenge utuyemo;

d.Icyemezo cyo kuba utarakatiwe n'inkiko.

**Icyitonderwa** :Uwujuje ibisabwa ashobora kuzana dosiye isaba akazi mu biro by'ubunyamabanga biri ku karere ka Huye; guhera kuwa 03/06/2021 kugeza kuwa 07/06/2021,Saa sita z'amanywa(12h00').

AKARERE KA HUYE

**SEBUTEGE Ange**
Umuyobozi w'Akarere ka Huye

*INDATIRWABAHIZI* *DUKORANE UMURAVA* *DUTERE IMBERE*

Scanned with CamScanner